Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga itawaza inshuro imwe imwe

Hadith yaturutse kwa Ibun Abas (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga itawaza inshuro imwe imwe.
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Bukhari]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) rimwe na rimwe yajyaga itawaza igakaraba buri rugingo inshuro imwe, maze igakaraba mu maso, hakubiyemo no kujuguta amazi ndetse no kuyashoreza, igakurikizaho amaboko n'amaguru inshuro imwe; iki kikaba ari nacyo gipimo cy'itegeko.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/65081